REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA RULINDO
rulindodistrict@rulindo.gov.rw

ITANGAZO

Nshingiye ku ibaruwa No 2384/12.00/2020 yo kuwa 06/10/2020 Minisiteri y'Uburezi yanditse yohereza amabwiriza agomba kubahirizwa n'abanyeshuri, abarimu n'abandi bakozi b'ibigo by'amashuri mu rwego rwo kwitegura itangira ry'amashuri no kwirinda Covid-19 ku mashuri, aho Minisiteri y'Uburezi isaba abarimu bose kuza ku mashuri basanzwe bakoreraho bitarenze kuwa 12/10/2020 kugira ngo bitegure itangira ry'amashuri bategura ibikenewe byose ;

Ndasaba abarimu bose basanzwe bakorera mu karere ka Rulindo kwitabira akazi ku bigo by'amashuri basanzwe bakoreraho kuva kuwa 12/10/2020 kugira ngo bafatanye n'ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri gushyira mu bikorwa amabwiriza (Final Health Guidelines for school re-opening) yahawe abayobozi b'amashuri agomba kubahirizwa kugira ngo amashuri yongere afungurwe n'igihe azaba yafunguwe. Aya mabwiriza kandi mushobora kuyasanga kuri website y'Akarere www.rulindo.gov.rw.

Ndasaba ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri kandi gutanga raporo yuko abarimu bagiye bitabira akazi bitarenze kuwa 26/10/2020 binyuze ku bashinzwe Uburezi mu mirenge.

Mugire Amahoro

Bikorewe i Rulindo kuwa 08/10/20

for

KAYIRANGA Emmanuel
Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo

AKARERE KA RULINDO

GABANGANWA Mario Claire
Vice Mayor in Charge of Social Affairs
RULINDO DISTRICT

E-mail: rulindodistrict@rulindo.gov.rw BP:6892 Kigali Tel: 0788527312

Scanned with CamScanner